**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'AMAJYEPFO**

**AKARERE KA KAMONYI**

# IBIPIMO BY' IMISORO N' AMAHORO MU KARERE KA KAMONYI

## UMWAKA W'INGENGO Y'IMARI WA 2020-2021

**IBIPIMO BY' IMISORO N' AMAHORO MU MWAKA W' INGENGO Y'IMARI WA 2020-2021**

**INTANGIRIRO**

Ibi bipimo bitangiye gukurikizwa kuva ku munsi byemerejwe n'Inama Njyanama y'Akarere Kamonyi bikazakurikizwa mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2020-2021.

Hashingiwe ku Itegeko N° 75/2018 ryo ku wa 07/09/2018 Itegeko rigena inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage;

Hashingiwe ku Iteka rya Perezida n° 25/01 ryo kuwa 09/07/2012 rishyiraho urutonde kandi rigena ibipimo ntarengwa by' amahoro n'andi mafaranga yakirwa n'inzego z'ibanze;

Hashingiwe ku Iteka rya minisitiri N° 001/20/10/TC ryo kuwa 10/01/2020 rigena ibipimo fatizo n'ibindi bikurikizwa mu kugena umusoro yishyurwa ku bibanza;

Umwaka usoreshwa ku musoro w'ipatanti no ku musoro ku mutungo utimukanwa utangira ku itariki ya mbere Mutarama ukarangira ku itariki ya 31 Ukuboza k'uwo mwaka.

Umwaka usoreshwa ku musoro ku nyungu z'ubukode utangira ku itariki ya mbere Mutarama ukarangira ku wa 31 Ukuboza z'umwaka ubanziriza uwo basoramo hagasoreshwa ubukode buba bwarakiriwe muri wa mwaka urangiye.

Amahoro n'andi mafaranga yakwa kugira ngo umuntu ahabwe serivisi yishyurwa mbere y'uko serivisi itangwa.

Amahoro n'andi mafaranga yakwa buri kwezi yishyurwa bitarenze itariki ya 5 y'ukwezi gukurikira. Aha twavuga nk'amahoro y'isuku rusange atangwa buri kwezi.

Amahoro n'andi mafaranga yishyurwa rimwe mu mwaka yishyurwa guhera mu kwezi kwa Mutarama k'Umwaka wishyuririrwa kandi ntarenze ku itariki ya 31 Ukuboza k'uwo mwaka atarishyurwa; Aha twavuga nk'amahoro ku byapa byamamaza, amahoro ku minara yitumanaho.

Hashingiwe ku Itegeko no ku mateka byavuzwe hejuru; Imari n' umutungo by' Akarere bikomoka kuri ibi bikurikira:

a) **Imisoro yishyurwa inzego z'imitegekere y'Igihugu yegerejwe abaturage ni iyi ikurikira:**

   1⁰ Umusoro ku mutungo utimukanwa;
   2⁰ Umusoro w'ipatanti;
   3⁰ Umusoro ku nyungu z'ubukode.

b) **Amahoro:**

   Iteka rya Perezida rishyiraho urutonde rw'amahoro yakwa n'Akarere ku buryo bukurikira:

➢ **AMAHORO KU BANTU BAKORESHA UMUTUNGO BWITE WA LETA**

- Amahoro yo mu isoko;
- Amahoro y'irimbi rusange;
- Amahoro kuri parikingi;
- Amahoro kuri parikingi rusange;

- Amahoro y'ubukode bw'ibishanga;

➢ **AMAHORO ASHINGIYE KURI SERIVISI ZIKORERWA ABATURAGE**

- Amahoro y'isuku rusange;
- Amahoro yo gushyingirwa ku munsi utandukanye n'uwagenwe n'Inama Njyanama;
- Amahoro yakwa kuri serivisi z'ibyangombwa by'umutungo utimukanwa;
- Amahoro yakwa ku byemezo bitangwa na Leta n'inyandiko zishyirwaho umukono na Noteri;
- Amahoro yishyurwa ku ruhushya rwo kubumba amatafari n'amategura.

➢ **ANDI MAFARANGA YAKIRWA N'URWEGO RW'IBANZE**

- Icyapa cyamamaza na banderole;
- Amahoro ku cyapa kiranga ubwato;
- Amahoro ku byapa by'amagare;
- Amahoro ku minara y'itumanaho n'isakazamajwi;
- Amahoro ku bwikorezi bw'ibikomoka kuri kariyeri no ku mashyamba.

**c) Ahandi hashobora gukomoka imari n'umutungo by'inzego z'ibanze**

- Amahazabu (amendes) ku makosa atandukanye;
- Amafaranga y'inguzanyo;
- Amafaranga n'inkunga y'imari bitangwa na Guverinoma;
- Amafaranga inzego z'ibanze zunguka, ava mu migabane yazo bwite no mu mirimo ibyara inyungu;
- Impano n'indagano;
- Amafaranga aturuka ku gaciro k'umutungo utimukanwa ugurishijwe muri cyamunara;
- Amafaranga aturuka ku bukode no ku igurishwa ry'ubutaka bw'inzego z'ibanze;
- Andi mafaranga yose y'amahoro n'aturuka ku bihano ashobora kwakirwa n'Inzego z'ibanze hakurikijwe irindi tegeko n'Iteka ry'u Rwanda iryo ari ryo ryose.

INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KAMONYI
REPUBULIKA Y'U RWANDA

Inama Njyanama y' Akarere, ishingiye ku Itegeko n'amateka byavuzwe haruguru, ifite inshingano zo kwemeza buri mwaka ibipimo by' imisoro n'amahoro, ahandi hashobora gukomoka imari n'umutungo by'urwego rw'ibanze, ndetse no kugena ahafatwa nk' umujyi (santeri y'ubucuruzi) cyangwa icyaro mu rwego rw'imisoreshereze.

Inama Njyanama Y' Akarere ka Kamonyi yateranye kuwa 30/06/2020 yemeje ahafatwa nk' umujyi (Santeri y'ubucuruzi) cyangwa icyaro mu rwego rw' imisoreshereze kandi ishyiraho ibipimo by' imisoro n'amahoro bizakurikizwa mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2020/2021.

## I. AHAFATWA NK' UMUJYI MU KARERE KA KAMONYI

| N$^{O}$ | UMURENGE | AHAFATWA NK'UMUJYI |
|---|---|---|
| 1 | RUNDA | • Santeri ya RUYENZI (imidugudu ya Nyagacaca, Rubumba, Rugazi).<br>• Umudugudu wa Nyagacyamu mu Kagari ka Muganza |

## II. AHAFATWA NKA SANTERI Z'UBUCURUZI MU RWEGO RW' IMISORESHEREZE

Imbonerahamwe igaragaza ahafatwa nk' Umujyi (santeri z'ubucuruzi) mu rwego rw' imisoreshereze mu Karere ka Kamonyi.

| N$^{O}$ | UMURENGE | AHAFATWA NKA SANTERI Z'UBUCURUZI |
|---|---|---|
| 1 | GACURABWENGE | • Santeri y' ubucuruzi ya KAMONYI (kuva kuri santeri ya GIHINGA kugera kuri CEFAPEK).<br>• Santeri ya RUGOBAGOBA kugera MUSHIMBA<br>• Santeri y'ubucuruzi ya GACURABWENGE. |
| 2 | KARAMA | • Santeri y' ubucuruzi ya KARAMA |
| 3 | KAYENZI | • Santeri y' ubucuruzi ya KAYENZI (Kuva ku nyubako ya Paruwasi Gaturika ya KAYENZI kugera ku biro by'Akagari ka MATABA). |
| 4 | KAYUMBU | • Santeri y' ubucuruzi ya MURARA na CYAKABIRI kugera ku biro by'Umurenge. |
| 5 | MUGINA | • Santeri y' ubucuruzi ya MUGINA.<br>• Santeri y' ubucuruzi ya KABUGA.<br>• Santeri yo mu i Ramba (hafi ya CYERU) |
| 6 | MUSAMBIRA | • Santeri ya MUSAMBIRA (Kuva mu Gaperi kugera ku isoko rya MUSAMBIRA). |
| 7 | NGAMBA | - |

NJYANAMA Y'AKARERE KA KAMONYI
REPUBULIKA Y'U RWANDA

| | | |
|---|---|---|
| 8 | NYAMIYAGA | - |
| 9 | NYARUBAKA | - |
| 10 | RUGALIKA | • Santeri ya NKOTO (guhera Ku isantere ya Biharabujye kugeza ku ruganda rutunganya kawa rwa RWABASHYASHYA).<br>• Santeri y'ubucuruzi ya MUGOMERO.<br>• Santeri ya NYARUBUYE (Kuva ku isoko kugera ku ruganda rutunganya amabuye rwa COTRACO). |
| 11 | RUKOMA | • Santeri ya REMERA-RUKOMA (Kuva mu mahuriro y'umuhanda ujya i BUGOBA na MUREHE Kugera ku biro by'Umurenge wa Rukoma). |
| 12 | RUNDA | • Santeri y' ubucuruzi ya GIHARA (Imidugudu ya Kabasanza na Nyagatare mu Kagari ka Gihara)<br>• Mu Kagari ka Ruyenzi (Imidugudu ya Kibaya na Nyabitare)<br>• Mu Kagari ka Muganza (Umudugudu wa Musebeya, Kigabiro na Rubona). |

## III. IBIPIMO NGENDERWAHO BY'IMISORO MU MWAKA WA 2020-2021.

### III.1.IMISORO

### III.1.1 UMUSORO W' IPATANTI

- Umusoro w'ipatanti utangwa na buri wese ukora ibikorwa bibyara inyungu. Umwaka w'isoresha utangira ku itariki ya mbere Mutarama ukarangira ku itariki ya 31 Ukuboza k'uwo mwaka. Ariko imenyekanisha ry'uwo musoro no kuwutanga bikorwa bitarenze kuwa 31 Mutarama mu mwaka w'isoresha.
- Iyo uwo musoro udatanzwe mu gihe cyagenwe, usora ntiyemererwa gutangira cyangwa gukomeza ibikorwa bye bigamije kubyara inyungu atabanje kwishyura.
- Inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage bireba zifite uburenganzira bwo kubihagarika ako kanya.
- Imenyekanisha ry'umusoro rikorerwa mu biro by'umukozi w'Ikigo cy'Igihugu cy'imisoro n'amahoro ku Murenge cyangwa ku Karere, usora agahita ajya kwishyurira muri banki (Banki ya Kigali cyangwa Banki y'abaturage), Mobicash, Mtn Mobile Money kuri konti y'Akarere agahabwa urupapuro (bordereau) rugaragaza ko umusoro watanzwe. Agaruka aho yabarishirije, akerekana cya cyemezo cya banki, agahabwa icyemezo cy'umusoro w'ipatanti **(vignette).**

INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KAMONYI

- Iyo usora afite amashami menshi akoreramo, yishyura umusoro w'ipatanti ku cyicaro gikuru, kuri buri shami no kuri buri dushami tw'ibikorwa bye.

**Ubwoko bw'imirimo n'uko isoreshwa ipatanti**

**Ibikorwa bibyara inyungu byandikishijwe ku musoro ku nyongeragaciro (TVA / VAT)**

| **Amafaranga yacurujwe mu mwaka ubanziriza usoreshwa** | **Umusoro utangwa** |
|---|---|
| | |
| Kuva ku ifaranga rimwe (1frw) kugeza ku frw 40,000,000 | frw 60,000 |
| K uva ku frw 40,000.001 kugeza ku frw 60,000,000 | frw 90,000 |
| Kuva ku frw 60,000,001 kugeza ku frw 150,000,000 | frw 150,000 |
| Hejuru ya frw 150,000,000 | Frw 250,000 |

Abasoreshwa bacuruza ibintu cyangwa serivisi zisonewe umusoro ku nyongeragaciro ariko agaciro k'ibyacurujwe kakaba karuta cyangwa kangana na miliyoni makumyabiri z'amafaranga y'u rwanda **(20,000,000 frw)** bishyura umusoro w'ipatanti ku buryo bumwe n'abasoreshwa biyandikishije ku musoro ku nyongeragaciro.

**Ibindi bikorwa bibyara inyungu**

| URWEGO RW'UMURIMO | MU CYARO | AHAFATWA NK'UMUJYI |
|---|---|---|
| A. Abacuruzi badafite amaduka n'abanyabukorikori bakora imirimo iciriritse kandi badakoresha imashini. | Frw 4,000 | Frw 6,000 |
| B. Abatwara abantu n'ibintu ku mapikipiki | Frw 8,000 | Frw 8,000 |
| C. Ubucuruzi n'ubukorikori bwifashisha imashini | Frw 20,000 | Frw 30,000 |
| D. Ibindi binyabiziga byose uretse amagare | Frw 40,000 kuri buri kinyabiziga | Frw 40,000 kuri buri kinyabiziga |
| E. Imirimo yo gutwara ibintu n'abantu mu mato afite moteri | Frw 20,000 kuri buri bwato | Frw 20,000 kuri buri bwato |
| F. Indi mirimo ibyara inyungu | Frw 20,000 | Frw 30,000 |

## III.1.2 UMUSORO KU NYUNGU Z'UBUKODE

**Impugukirwa**

- Umusoro ku nyungu z'ubukode wakwa ku nyungu umuntu ku giti cye cyangwa undi muntu wese utishyura umusoro ku nyungu z'amasosiyete abona iturutse ku bukode bw'umutungo utimukanwa uri mu Rwanda.
- Umwaka w'isoreshwa ni umwaka wose ubanziriza uwo batangamo umusoro.

- Imenyesha ry'uwo musoro n'itangwa ryawo bikorwa bitarenze kuwa 31 Mutarama z'umwaka ukurikira usoreshwa.
- **Umusoro ku nyungu z'ubukode ucibwa kuri ibi bikurikira:**
  - Inyungu ikomoka ku mazu akodeshwa yose cyangwa akodeshwa igice;
  - Inyungu ikomoka ku bikorwa byongerewe ku nzu bikodeshwa byose cyangwa hakodeshwa igice cyabyo;
  - Inyungu ikomoka ku bukode bw'undi mutungo utimukanwa uwo ari wo wose uri mu Rwanda.

  Amasezerano y'ubukode yerekeye umutungo utimukanwa, agomba gukorwa mu nyandiko kandi ariho umukono w'impande zombi. Kopi y'ayo masezerano y'ubukode igomba gushyikirizwa urwego rusoresha mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) nyuma y'itariki amasezerano yashyiriweho umukono.

**UKO UMUSORO KU NYUNGU Z'UBUKODE UBARWA**

Inyungu isoreshwa iboneka hamaze kuvanwa 50% mu nyungu mbumbe afatwa nk'ayo usora akoresha mu bikorwa byo gufata neza umutungo we ukodeshwa.

Iyo usora yerekanye icyemezo cy'uko yishyura inyungu ku nguzanyo yahawe na banki kugira ngo yubake cyangwa agure umutungo ukodeshwa, inyungu isoreshwa iboneka bavanye mu nyungu mbumbe 50% afatwa nk'ayo gufata neza uwo mutungo hiyongereyeho za nyungu ku nguzanyo ya banki ariko zo guhera igihe ubukode bwatangiriye

**Ibipimo by' umusoro ku nyungu z' ubukode**

| N° | Inyungu zivanguye | Umusoro utangwa |
|---|---|---|
| 1 | Kuva ku frw1 kugera ku frw 180,000 | 0% |
| 2 | Kuva ku frw 180.001 kugera ku frw 1,000.000 | 20% |
| 3 | Hejuru ya frw 1,000,000 | 30% |

### III.1.3 UMUSORO KU MUTUNGO UTIMUKANWA

Umusoro ku mutungo utimukanwa ubarwa kandi ugatangwa na nyiri umutungo, nyir'uburagizwe cyangwa undi muntu ufatwa nka nyiri umutungo, nyir'uburagizwe cyangwa undi muntu ufatwa nka nyiri umutungo.

**ISHINGIRO RY'UMUSORO KU MUTUNGO UTIMUKANWA:**

Umusoro ku mutungo utimukanwa wakwa hashingiwe ku gaciro ku isoko k'inyubako

n'ubuso bw'ikibanza

Iyo umutungo utimukanwa ugizwe n'ikibanza kitubatsweho, umusoro ku mutungo utimukanwa ubarirwa kuri buri metero kare igize ubuso bw'icyo kibanza.

**IMITUNGO ITIMUKANWA ISONEWE UMUSORO KU MUTUNGO UTIMUKANWA**

**1.** inyubako imwe nyirayo yageneye guturamo nk'icumbi rye, hamwe n'inyubako ziyunganira mu kibanza cyagenewe guturwamo n'umuryango umwe. Iyo nyubako ikomeza kubarwa nk'icumbi rye n'iyo yaba atayituyemo ku mpamvu zitandukanye;

**2.** imitungo itimukanwa yahawe ibyiciro by'abantu batishoboye yemejwe n'Inama Njyanama y'Akarere;

3. Imitungo itimukanwa ya Leta, iy'Intara, iy'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage ndetse n'ibigo bya Leta, keretse iyo iyo mitungo ikorerwamo ibikorwa bigamije kubyara inyungu cyangwa by'ikodeshagurisha;

4. Imitungo itimukanwa itunzwe n'ambasade zihagarariye ibihugu by'amahanga mu Rwanda iyo ibyo bihugu bihagarariwe bitaka umusoro ku mutungo utimukanwa w'ambasade z'u Rwanda mu mahanga;

5. Ubutaka bukorerwaho ibikorwa by'ubuhinzi n'ubworozi iyo bufite ubuso buri munsi ya hegitari ebyiri (2ha);

6. Ubutaka bugenewe kubakwaho amazu yo guturamo ariko nta bikorwa remezo by'ibanze byahashyizwe;

Agaciro k'imitungo itimukanwa kagenwa buri cyiciro cy'imyaka itanu (5). Kagizwe n'agaciro ku isoko k'inyubako n'ak'ikibanza

Agaciro gasoreshwa kagomba kuzamurwa kakagezwa ku gihumbi (1.000 FRW) gikurikira mu mafaranga y'u Rwanda

**IGIPIMO CY'UMUSORO KU NYUBAKO**

| **IMIKORESHEREZE Y'INYUBAKO** | **UMUSORO KU MWAKA WA 2019** | **UMUSORO KU MWAKA WA 2020** | **UMUSORO KU MWAKA WA 2021** | **UMUSORO KU MWAKA WA 2022** |
|---|---|---|---|---|
| Gutura | 0,25% | 0,50% | 0,75% | 1% |
| Ubucuruzi | 0,2% | 0,3% | 0,4% | 0,5% |
| Inganda, ibigo by'ubucuruzi bito n'ibiciriritse n'izindi zagenewe ibindi bikorwa zidasonewe umusoro zavuzwe | 0,1% | 0,1% | 0,1% | 0,1% |

**IGIPIMO CY'UMUSORO KU KIBANZA**

Igipimo cy'umusoro ku kibanza kiri hagati ya zeru (0) n'amafaranga y'u Rwanda magana atatu (300 FRW) kuri metero kare.

Inama Njyanama y'Akarere ka Kamonyi ishingiye ku Iteka rya minisitiri N° 001/20/10/TC ryo kuwa 10/01/2020 rigena ibipimo fatizo n'ibindi bikurikizwa mu kugena umusoro yishyurwa ku bibanza, yemeje ibipimo mu buryo buri ku mugereka w'iyi nyandiko.

## IV.AMAHORO

### IV.1 Amahoro yo mu isoko

Akarere ka Kamonyi gafite amasoko manini akurikira :

- Musambira
- Mugina
- Gashyushya
- Gacurabwenge
- Kayenzi
- Murara
- Manyana.

Aya masoko yose ari muri santeri z'ubucuruzi kandi afatwa nk'atubakiye kuko usanga abacururiza ahatwikiriye aribo bake cyane ndetse bakaba nta buryo bagira bwo kubikamo ibicuruzwa byabo.

Amahoro muri buri soko ni frw 500 ku kibanza cyangwa frw2000 k'uwishyuriye rimwe mu kwezi.

- ➢ Mu masoko mato asigaye yose, amahoro ni frw 250 ku kibanza kimwe kuko atubakiye kandi ari ahafatwa nk'icyaro.

Mu rwego rw'uko amahoro ashingiye ku bunini bw'ahacururizwa no ku miterere y'ibicuruzwa; abarangura, abaranguza kimwe n'abacuruzi b'amatungo mu isoko bazishyura ku buryo bukurikira:

- ❖ Abarangura imboga bishyura frw 300, Frw 500 cg Frw 1000 ku mufuka baranguriramo bitewe n'uko irutana (umuto, uringaniye cg umunini).
- ❖ Abarangura imbuto bishyura frw 300, Frw 500 cg Frw 1000 ku mufuka bitewe n'uko irutana (Agafuka gato, umufuka uringaniye n'umufuka munini).
- ❖ Abarangura itabi ry'ibibabi bishyura frw 1,000 ku gatwaro gato, frw 2,000 ku mutwaro uringaniye na frw 3,000 ku mutwaro munini.
- ❖ Abarangura imyaka isanzwe bishyura frw 500 ku mufuka utarengeje

  Uri hagati ya 50kg na frw 1,000 ku mufuka

  Uri hagati ya 100kg na 150kg.
- ❖ Abarangura cyangwa abaranguza amatungo bazishyura :

  Frw 2000 ku nka imwe imwe,

  Frw 500 ku ihene imwe imwe,

  Frw 200 ku rukwavu, ku nkoko imwe cyangwa ikindi kiguruka cyose kimwe.

INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KAMONYI

- Umuturage uzanye amatungo yoroye cyangwa imyaka yejeje ntatanga amahoro kuko hasora gusa abacuruzi bakurikiranye inyungu.
- Abaranguza itabi bifashishije imodoka bishyura frw 5,000 kuri buri gihiga kimwe (umutwaro munini).
- Abaranguza ibitoki n'ibirayi biza mu modoka bishyura frw 5000 kuri buri modoka hatitawe ku ngano yayo.
- Imodoka zipakirira imyaka ku isoko zishyura frw 2,000 ya parikingi hatitawe ku ngano yayo cyangwa ubwoko bwayo.
- Kubagira ku isoko: Frw 2000 ku inka imwe.

  Frw 1000 ku ingurube imwe.

  Frw 500 ku ihene imwe.

- Abakorera hamwe ubudozi bw'imyenda, inkweto, ubucuruzi bw'imiti gakondo, kogosha no kudefiriza, gukanika amagare kimwe no gucuruza ibibazwa mu biti bazishyura frw 200 umwe umwe.
- Mu isoko ryubakiye rya MUGOMERO rikorerwamo abacuruza imboga n'imbuto, amahoro azajya atangwa ni amafaranga 5,000frw mu kwezi kuri buri muntu no ku yandi masoko yavuka yo kuri urwo rwego.

**IV. 2 Amahoro y'irimbi rusange.**

Buri rimbi rizagabanywamo ibice bibiri: Ahazajya imva zubakiye n'ahazajya imva zitubakiye. Amahoro ahabwa Akarere ni frw 5,000 ku mva iyo ariyo yose.

Ikiguzi cy'imirimo yo gucukura imva no kuyubakira kizagengwa n'amasezerano yihariye hagati y'Akarere na ba Rwiyemezamirimo bazegurirwa ibyo bikorwa.

**IV. 3 Amahoro kuri parikingi**

Umuntu wese uparitse ikinyabiziga cye muri parikingi (Aire de stationnement) yagenwe n'Akarere yishyura amahoro hashingiwe ku bwoko bw'icyo kinyabiziga kandi buri parikingi igomba kugira icyapa kiyiranga

1. Amapikipiki azishyura 2,000 Frw ku kwezi

2. Amavatiri akora taxi azishyura frw 500 ku munsi cyangwa frw 8,000 ku muntu uzahitamo kwishyurira rimwe mu kwezi.

3. Ikamyo nto zizishyura frw 500 ku munsi cyangwa frw 10,000 ku muntu uhisemo kwishyurira rimwe ukwezi.

3. Minibisi zishyura frw 300 zipakire umunsi wose nta yandi mahoro zishyuye.

4. Ikamyo nini idafite remoroki, Bisi nini na taragiteri bizishyura frw 400 ku isaha, frw 2000 ku munsi cyangwa frw 15,000 ku kwezi.

5. Ikamyo nini ifite remoroki n'imashini nini ikoreshwa mu kubaka no gukora imihanda bizishyura frw 1000 ku isaha, frw 5000 ku munsi cyangwa frw 20,000 ku kwezi.

Muri parikingi rusange z'abantu ku giti cyabo (gare routiere), kubera ko ziba ziri mu mbago z'ibibanza byabo zizacungwa na nyirazo. Amafaranga azishyurwa ni aya nyiri parikingi, bigafatwa nk'ubucuruzi busanzwe, Akarere kakishyurwa imisoro n'amahoro biteganywa n'itegeko.

- Amavatiri azishyura frw 300 ku munsi.
- Minibisi y'imyanya itarenze 18 izishyura frw 200 nta yandi mahoro izakwa kuri uwo munsi wose.
- Bisi n'izindi modoka zifite imyanya yicarwamo iri hagati ya 18 na 30 zizishyura 500 uko zinyuzemo.
- Bisi n'izindi modoka zifite imyanya yicarwamo iri hagati ya 30 na 50 zizishyura frw 1000 uko zinyuzemo
- Bisi n'izindi modoka zifite imyanya yicarwamo irenze 50 zizishyura frw 3000 uko zinyuzemo.

**IV. 4 Amahoro kuri parikingi z'ubwato**

- Ubwato buto budafite moteri bwishyura frw 100 ku munsi cyangwa frw 3000 ku kwezi iyo buparitse muri parikingi yagenwe n'Akarere.
- Ubwato bufite moteri bwishyura frw 150 ku munsi cyangwa frw 4000 ku kwezi iyo buparitse muri parikingi yagenwe n'Akarere.

**IV.5. Amafaranga y'ubukode yishyurwa kuwahawe uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro muri mine nini**

Gukodesha ubuso bukorerwaho ku mwaka: amafaranga y'u Rwanda ibihumbi bitandatu magana atanu (6.500 FRW) kuri hegitari imwe (1 ha) ku mwaka.

**IV.5 Amahoro y'isuku rusange**

Amahoro y'isuku rusange ashingira ku bunini, imiterere n'aho igikorwa cyishyurirwa giherereye kandi yishyurwa buri kwezi. Buri kigo, buri shami n'udushami byacyo byishyura amahoro y'isuku rusange

**Imbonerahamwe igaragaza uko ayo mahoro atangwa mu Karere ka Kamonyi**

| **Igitangirwa amahoro y' isuku** | **Amahoro atangwa (En frw) buri Kwezi** | | |
|---|---|---|---|
| | **Ahafatwa nk' icyaro** | **Ahafatwa nka Santeri z' ubucuruzi.** | **Ahafatwa nk'umujyi** |
| Akabari (ikigage, urwagwa, umutobe, ...) | 1,000 | 3.000 | 5,000 |
| Resitora na kantine | 1,000 | 3.000 | 5,000 |
| Ifuru zikora imigati | 1,000 | 3.000 | 5,000 |
| Ibyuma bisya imyaka(Moulins) | 1,000 | 3.000 | 5,000 |
| Ibyumba bafotoreramo n'ibyo bogosheramo | 1,000 | 3.000 | 5,000 |
| Butiki cyangwa ubucuruzi bw'inyongeramusaruro. | 1,000 | 3.000 | 5,000 |
| Kiosque | 1,000 | 3.000 | 5,000 |
| Inzu zerekana Film | 1,000 | 3.000 | 5,000 |
| Ateriye z'ubudozi | 1,000 | 3000 | 5,000 |
| Abacuruza ibiti, imiseke, urubingo n'amakara | 1,000 | 3.000 | 5,000 |
| Secretariat public, café internet, papeterie | 1,000 | 3.000 | 5,000 |
| Bar | 1,000 | 3000 | 5,000 |
| Icyocyezo cy' inyama | 1,000 | 3.000 | 5,000 |
| Abacuruzi b'inyongeramusaruro n'imiti y'amatungo | 1,000 | 3000 | 5,000 |
| Amaguriro yigenga acuruza imiti (Pharmacies) | 1,000 | 5,000 | 8,000 |
| Amavuriro yigenga (Dispensaires privé et Poste de sante) | 1,000 | 5,000 | 8,000 |
| Amavuriro yigenga (Clinique) | 1,000 | 5,000 | 10,000 |
| Abagura kawa y'igitumbwe | 1,000 | 3,000 | 5,000 |
| Alimentation | 1,000 | 5,000 | 5,000 |
| Boucherie | 1,000 | 5,000 | 5,000 |
| Quincaillerie | 1,000 | 5,000 | 5,000 |

| | | | |
|---|---|---|---|
| Abatwika bakagurisha amatafari n'amategura | 1,000 | 5,000 | 5,000 |
| Urangura akanacuruza imbaho | 1,000 | 5,000 | 5,000 |
| Ateriye zibaza zifashishije imashini zikoreshwa amashanyarazi | 1,000 | 5,000 | 5,000 |
| Abakora imirimo y' ubwenge izana inyungu | 1,000 | 5,000 | 5,000 |
| Ibigo by'imari iciriritse | 1,000 | 5,000 | 5,000 |
| Amabanki | 1,000 | 5,000 | 10,000 |
| Sosiyeti z' ubwishingizi | 1,000 | 5,000 | 10,000 |
| Ikusanyirizo ry' amata na Laiterie | 1,000 | 5,000 | 5,000 |
| Inganda | 1,000 | 5,000 | 10,000 |
| Ubucukuzi bwa kariyeri n'amabuye y'agaciro | 1,000 | 5,000 | 10,000 |
| Ababumba bakanacuruza amatafari ahiye | 1,000 | 5,000 | 5,000 |
| Amagaraji | 1,000 | 5,000 | 10,000 |
| Amahoteri | 1,000 | 5,000 | 10,000 |
| Moteri | 1,000 | 5,000 | 8,000 |
| Amadepo arangurisha imyaka, ibinyobwa n'ibindi bicuruzwa. | 1,000 | 5,000 | 5,000 |
| Station d'essence | 1,000 | 5,000 | 10,000 |
| Ubwato | 1,000 | 5,000 | 5,000 |
| Abacuruzi ba Mtn mobile money, Tigo cash na Airtel money | 1,000 | 3,000 | 5,000 |
| Ikinamba | 1,000 | 5,000 | 10,000 |
| Amacumbi (Logement) | 1,000 | 5,000 | 8,000 |
| Auto-ecole | 1,000 | 5,000 | 10,000 |
| Sosiyete zitwara abagenzi | 1,000 | 5,000 | 10,000 |
| Imikino y'amahirwe | 1,000 | 5,000 | 10,000 |
| Indi mirimo itavuzwe muri iyi mbonerahamwe | 1,000 | 5,000 | 5,000 |

**Andi mahoro ashingiye kuri serivisi zikorerwa abaturage**

| **Ibyemezo na serivisi bitangwa** | **Agaciro (frw)** |
|---|---|
| 1) Gushyingirwa ku munsi utandukanye n'uwagenwe n'Inama Njyanama | 10,000 |
| 2) Agatabo ko gushyingirwa (Livret de mariage) | 1,500 |
| 3) Icyemezo cy'uko umuntu yashyingiwe (attestation de mariage) | 500 |
| 4) inyandiko y'irangamimerere | 3,000 |
| 5) Inyandiko ihinnye y'irangamimerere | 1200 |
| 6) Kopi y'inyandiko y'irangamimerere | 2400 |
| 7) Icyemezo cy' amavuko (attestation de naissance) | 500 |
| 8) Icyemezo cy' uko umuntu atashyingiwe (attestation de célibat) | 500 |
| 9) Icyemezo cy'indangamuntu | 500 |
| 10) Icyemezo cy'uko umuntu akiriho | 1200 |
| 11) Kwemeza inyandiko bikozwe n'umukozi ubifitiye ububasha | 1,500 |
| 12) Ihamya ry'amasinyatire ari ku nyandiko | 2,000 |
| 13) Gushyira umukono wa Noteri kuri sitati | 5,000 |
| 14) Gushyira umukono wa Noteri ku masezerano ayo ariyo yose | 2,000 |
| 15) Amahoro ku mitungo itimukanwa igurishijwe mu cyamunara | 5,000 |
| 16) Ikindi cyemezo kitagenewe ikiguzi. | 1,500 |
| 17) Gukingira no gutera intanga iyo bikozwe na Veterineri w'Akarere | Ntibyishyuzwa |
| 18) Guhindura izina rya nyir'urumutungo bitewe n'impamvu izo arizo zose | 30,000 |
| 19) Kwandikisha, guhanagura kuvugurura cyangwa kwimura ubugwate bw'umwenda | 1,200 |
| 20) Icyemezo cyo gusana, kuvugurura inyubako cyangwa kubaka uruzitiro rw'inzu. | 1,200 |
| 21) Guhindura cyangwa gusaba icyemezo cy'ubukode gishya gitangwa n'umubitsi w'impapuro mpamo z'ubutaka | 5,000 |
| 22) Gusaba gukorerwa igishushanyo cyerekana imbago, ishusho n'ubuso bw'ikibanza | 10,000 |
| 23) Amahoro atangwa mu guhinduza izina cyangwa imigabane mu masosiyete | 20,000 |

| | |
|---|---|
| 24) Amahoro ku ruhushya rwo gucukura kariyeri hatagamijwe ubucuruzi | 5,000 |
| 25) Gukora igishushanyo cy'isambu cyangwa ikibanza (fiche cadastral) | 10,000 |
| 26) Icyemezo cyo kubaka no gupimirwa ikibanza mu midugudu y'ahafatwa nk'icyaro | 5,000 |

27) Amahoro ku ruhushya rwo kubaka:

| **Ubuso bwubakwaho** | **Amahoro atangwa** |
|---|---|
| Ubuso butarengeje $m^2$ 100 | Frw 20,000 |
| Ubuso buri hejuru ya $m^2$ 100 kugeza kuri $m^2$ 500 | Frw 40,000 |
| Ubuso burenze $m^2$ 500 | Frw 60,000 |

**Icyitonderwa:** Inama Njyanama y'Akarere ishobora kwemerera abadafite ubushobozi Kutishura amafaranga yerekeranye n'uruhushya rwo kubaka.

## ANDI MAFARANGA YAKIRWA N'AKARERE

**Imbonerahamwe igaragaza igipimo cy'ayo mahoro:**

| **Ubwoko bw' amahoro** | **Umubare w' amahoro atangwa (en frw)** | **Igihe atangwamo** |
|---|---|---|
| 1. Amahoro yakwa ku cyapa cyamamaza | 20.000frw/$m^2$ | Buri mwaka |
| 2. Amahoro yakwa ku byapa byamamaza hakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga (hatitawe ku bunini bwabyo) | 100,000frw | Buri mwaka |
| 3. Kwamamaza ku nyubako hifashishijwe ibishushanyo | 80,000 frw | Ku mwaka |
| 4. Amahoro yakwa kuri Banderole | 10.000frw | Ku munsi |
| 5. Amahoro yakwa ku byapa biranga ubwato budakoreshwa moteri. | 5,000frw | Buri mwaka |
| 6. Amahoro yakwa ku byapa biranga ubwato bufite moteri. | 15,000frw | Buri mwaka |
| 7. Amahoro ku byapa by'amagare | 1,000frw | Igare rigihabwa burundu keretse iyo gitakaye |
| 8. Amahoro yakwa ku minara yifashishwa mu itumanaho n'isakazamajwi | 2000 frw kuri m 1 y' ubujyejuru. | Buri mwaka |

| | | |
|---|---|---|
| 9. Amahoro ku bwikorezi bw'ibikomoka kuri kariyeri no ku mashyamba | 1,000 frw kuri toni hashingiwe ku buremere ikinyabiziga cyagenewe kwikorera | Buri nshuro yose ikinyabiziga kije gupakira. |
| 10. Gukodesha salle y'Akarere iri i Rukoma | 80,000 frw | Buri nshuro |
| 11. Gukodesha ikibanza mu isoko rya Kayenzi | 5,000 frw | Ku mwaka |
| 12. Gukodesha ikibanza mu isoko rya Musambira | 5,000frw | Ku mwaka |
| 13. Gukodesha ikibanza mu isoko rya Gacurabwenge | 5,000frw | Ku mwaka |
| 14. Gukodesha ikibanza mu isoko rya Gashyushya | 5,000frw | Ku mwaka |
| 15. Gukodesha ikibanza mu isoko rya Mugina. | 5,000frw | Ku mwaka |
| 16. Gukodesha ikibanza mu isoko rya Karama | 5,000 frw | Ku mwaka |
| 17. Gukodesha ikibanza mu isoko rya Rwina | 5,000 frw | Ku mwaka |
| 18. Gukodesha ikibanza mu isoko rya Kigarama | 5,000 frw | Ku mwaka |
| 19. Gukodesha ikibanza mu isoko rya Nyarubaka | 5,000 frw | Ku mwaka |
| 20. Gukodesha ikibanza mu isoko rya Kazirabonde | 5,000 frw | Ku mwaka |
| 21. Ubukode bw'inzu y'iguriro ry'inyama mu isoko rya Gashyushya | 10,000 frw | Mu kwezi |
| 22. Ubukode bw'inzu y'iguriro ry'inyama mu isoko rya Musambira | 10,000frw | Mu kwezi |
| 23. Ubukode bw'inzu y'iguriro ry'inyama mu isoko rya Gacurabwenge | 10.000frw | Mu kwezi |
| 24. Ubukode bw'inzu y'iguriro ry'inyama mu isoko rya Kayenzi | 10,000frw | Mu kwezi |
| 25. Ubukukode bw'inzu y'iguriro ry'inyama mu isoko rya Mugina | 10,000frw | Mu kwezi |
| 26. Ubukode bw'inzu y'iguriro ry'inyama mu isoko rya Mugomero. | 10,000frw | Mu kwezi |

| | | |
|---|---|---|
| 27. Ubukode bw'inzu mu isoko rya rya Kayenzi | 10,000 frw | Ku kwezi |
| 28. Ubukode bw'inzu mu isoko rya rya Gashyushya | 5,000 frw | Ku kwezi |
| 29. Ubukode bw'inzu mu isoko rya Mugina | 15,000 frw | Ku kwezi |
| 30. Ubukode bw'inzu mu isoko rya rya Musambira | 10,000 frw | Ku kwezi |
| 31. Ubukode bw'inzu mu isoko rya Gacurabwenge | 5,000 frw | Ku kwezi |
| 32. Ubukode ku bantu bose cyangwa amakoperative bakoresha ibishanga. | • 4,000 frw/ha<br>• 4,000 frw/ha ku muntu kugiti cye | Ku mwaka |
| 33. Ubukode bw'Ibisigara by'Akarere | 2 frw/m$^2$ | Ku mwaka |
| 34. Ubukode bw'inzu y'ikusanyirizo y'imboga ya Mugomero | 80,000 frw | Buri kwezi |
| 35. Ubukoze bw'inzu ikorerwamo embalages (Mugomero) | 60,000 frw | Buri kwezi |
| 36. Ubukode bw'inzu yahoze ari icumbi rya Burugumesitiri | 20,000 frw | Buri kwezi |
| 37. Ubukode bw'inzu ikorerwamo na SACCO Runda | 100,000 frw | Ku kwezi |

## AMAHAZABU (AMENDES) KU MAKOSA ATANDUKANYE MU RWEGO RW'IMISORO

**Amahazabu (amendes) ku makosa atandukanye ashingiye ku kutubahiriza itegeko n'iteka rya Perezida.**

- Amahoro yagenewe kwishyurwa buri kwezi atangwa bitarenze itariki ya gatanu y'ukwezi gukurikira, naho ayagenewe kwishyurwa rimwe mu mwaka atangwa bitarenze itariki 31 y'umwaka wishyurirwa amafaranga.
- Kudatanga imenyesha ry'umusoro, gukererwa kuritanga, gutanga imenyesha rituzuye cyangwa gutanga imenyesha ririmo urujijo rugamije uburiganya bihanishwa ihazabu ya 40% by'umusoro wagombaga gutangwa
- Kwishyura umusoro igihe cyararenze bihanishwa inyongera ya 10% by'umusoro ugomba gutangwa ariko idashobora kurenga frw 100,000 hamwe n'inyungu z'ubukererwe za 1.5% kuri buri kwezi k'ubukererwe. Iminsi itageze ku kwezi ibarwa nk'ukwezi kuzuye.

INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KAMONYI

➢ Kuterekana icyemezo cy'umusoro w'ipatanti bihanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ya frw 10,000 kandi gucibwa ihazabu ntacyo bihindura ku inshingano z'usora zo gutanga uwo musoro w'ipatanti.

➢ Iyo icyemezo cy'umusoro w'ipatanti gitakaye cyangwa cyangiritse usora ahabwa inyandukuro yacyo yishyuye frw 5,000.

**Amendes (Amahazabu) ku yandi makosa atandukanye.**

| **IKOSA RIHANISHWA IHAZABU** | **Amende ateganyijwe(en frw)** |
|---|---|
| Kwangiza Ishyamba | Frw 100,000 kuri buri Nshuro |
| Gukinisha imikino y'amahirwe utabyemerewe | Frw 2,000,000 |
| Amande ku mubyeyi wese utita ku nshingano ze zo kwita ku burere bw'umwana we cyangwa uwo arera bikamuviramo kuba inzererezi no gukoreshwa imirimo mibi | Frw 10,000 |
| Umukoresha mu bigo bitanditse uzakoresha umwana cyangwa uzagaragaraho uruhare urwo ari rwo rwose rutuma umwana akoreshwa imirimo mibi, by'umwihariko uzakoresha abana imirimo yo mu ngo hanze y'Umuryango | Frw 100,000 |
| Umukoresha wo mu bigo byanditse uzakoresha umwana cyangwa uzagaragaraho uruhare urwo arirwo rwose rutuma umwana akoreshwa imirimo mibi | Frw 500,000 |
| **<u>KUZEREREZA AMATUNGO KU GASOZI</u>** | **Amafaranga yishyurwa (en frw)** |
| Inka | 10,000 Frw ku munsi |
| Ingurube | 2,000 Frw ku munsi |
| Intama | 1,000 Frw ku munsi |
| Ihene | 1, 000 Frw ku munsi |
| Ibiguruka | 300 Frw ku munsi |

**<u>ICYITONDERWA</u>**:

Amahoro n'amande atavuzwe muri iyi nyandiko azagengwa n'amabwiriza yihariye ku rwego rwa buri serivisi bireba. Aha twavuga:

Ibijyanye n'ibihano by'imyubakire biteganywa n'iteka rya Minisitiri N°02/CAB.M/019 ryo kuwa 15/04/2019 biri ku mugereka;

Ibihano bijyanye no kunoza no guteza imbere ubucuruzi bizagengwa n'amabwiriza N° 002/2017 y'Inama Njyanama y'Akarere yo kunoza no guteza ubucuruzi.

Kamonyi, kuwa 30 /06/2020

INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KAMONYI
REPUBULIKA Y'U RWANDA

**KAMONYI DISTRICT**

**ANNUAL TAX RATE APPLICABLE TO PLOTS OF LAND 2020/2021**

| DISTRICT_NAME | SECTOR_NAME | CELL_NAME | VILLAGE_NAME | AGRICULTURE | COMMERCIAL | ECONOMIC | FOREST | INDUSTRY | LIVERSTOCK | RESIDENTIAL | SCIENTIFIC | SOCIAL | TOURISM |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| KAMONYI | Gacurabwenge | Gihinga | Kambyeyi | 2 | 0 | 4 | 2 | 0 | 2 | 0 | 4 | 4 | 0 |
| KAMONYI | Gacurabwenge | Gihinga | Karama | 2 | 30 | 8 | 2 | 30 | 2 | 40 | 8 | 8 | 15 |
| KAMONYI | Gacurabwenge | Gihinga | Kagarama | 2 | 30 | 8 | 2 | 30 | 2 | 40 | 8 | 8 | 15 |
| KAMONYI | Gacurabwenge | Gihinga | Nyagasozi | 2 | 30 | 8 | 2 | 30 | 2 | 40 | 8 | 8 | 15 |
| KAMONYI | Gacurabwenge | Gihinga | Nyarunyinya | 2 | 0 | 4 | 2 | 0 | 2 | 0 | 4 | 4 | 0 |
